# 412: Isi yos' iririmbe

1. Isi yos' iririmbe—lbitangaza Umukiza wa twese—Yadukoreye.Amahang' ukw angana Yos' asingize Yesu !

2. I burasirazuba,—Bamuhimbaze ! AbaShinwa bashime—Umucunguzi,AbaHindi bemere Yesu wabapfiriye.

3. Kandi n'Abisilamu—Bamusingize : N'amahanga barimo—Ayabature.Yes' Umwami, bemere Yuko yabacunguye.

4. Abatuye mu mbeho,—Aho bagira Ijoro rirerire—Ritinda gucya,Bemer' Umucyo w'isi, Ngo bave mu mwijima.

5. N'abo mu Rwanda rwacu,—Bamusingize.Bang' ingeso za. kera,—Bamuyoboka, Bati: Ngwin' utwimemo, Ur' Umwami w'ijuru.

6. Amahanga yo mw isi—Yose ukw angana Yemer' Umucunguzi,—Amuyoboke;Abakijijwe bose Bamusingiz' iteka.

Visit us at burundi.indirimbo.com